# 141: Mwami Yesu, ndagukunda

1.

Mwami Yesu, ndagukunda, Ndakwihaye by'ukuri. Urukundo rwawe rwinshi Ni rwo rubinyemeza.Sinkibabazwa n'amakuba Yose nterwa n'iby'iyi si, Kuko mbyemereye kubwawe Kugira ngo ngushimishe.

Ref:

Ndagukunda, Yesu Wemere kumpaka, Nta kindi cyampaza, Mwami, Keretse wowe.

2.

Mwami, ngwin’umpishurire Ibyiza wankoreye. Nubwo nizeye buhoro, Ngeza ku Musaraba ! Nyigish’uko wankunze, Yesu, Nkiri mubi bikabije, Ngo nitegerez' igiciro Kimpesha kubabarirwa.

3.

Ndushijeho kugukunda, Ndushaho kunezerwa; Ar' aheza cyangw’ ahabi,Nta bwo mbur’amahoro.Ariko, Yesu, ntagufite, Nta mahoro nsigaranye; Iby'iyi si, nubw' ari byiza, Nta cyo byamarira rwose.

Visit us at indirimbo.com